No106 — Gicurasi2015

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA YASUZUMYE INEMEZA GAHUNDA Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO

Mu nama yahuje abagize Komisiyo Ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego, kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 22 Gicurasi 2015 basuzumye banemeza gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo by'umwaka wa 2015-2016

Abagize iyi Komisiyo bemeje ko ibikorwa bizibandwaho ari ugusuzuma akamaro ka gahunda zose z'amahugurwa Ihuriro riteramo inkunga Imitwe ya Politiki; kuzategura inyandiko ya gahunda y'amahugurwa y'igihe kirekire agenewe Imitwe ya Politiki; Gutegura ibikorwa byashyirwa mu Nyandiko y'ingamba z'Ihuriro y'imyaka 5 (Strategic Plan 2016-2021); Gushyiraho ingamba zo kongera umutungo w'Ihuriro; Gukomeza ibiganiro n'abafatanyabikorwa ku mushinga wo kubaka ibiro by'Ihuriro n'ibindi;



Abagize Komisiyo

Mu kunoza gahunda yo gusura Imitwe ya Politiki hagamijwe gusuzuma akamaro ka gahunda z'amahugurwa Ihuriro ritegurira Imitwe ya Politiki, abagize Komisiyo basabye ko mu kuzuza ifishi y'ibibazo, utanga amakuru ashobora kongeraho ibisobanuro birushijeho kandi ko mu gihe cyo guhura n'abayobozi b'Imitwe ya Politiki, abagize Komisiyo bazajya babanza kwibutsa abo bagiye kuganira, ubwoko bwa gahunda z'amahugurwa zitegurwa n'Ihuriro ubwaryo n'amahugurwa ategurwa n'Imitwe ya Politiki agaterwa inkunga n'Ihuriro. Abagize Komisiyo bemeje ko muri buri Mutwe wa politiki bazahura n'Umunyamabanga Mukuru w'Umutwe wa Politiki, Umuyobozi mu Mutwe wa Politiki ufite amahugurwa mu nshingano n'undi muntu Umutwe wa Politiki ubona ko ari ngombwa.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro nawe witabiriye iyi nama yahaye abagize Komisiyo amakopi ya gahunda y'ibikorwa biyemeza kuzatanga ibitekerezo ku byanozwa kuri iyi nyandiko.

## IMBUGA ZA INTERINETI NIZIKORESHWE NEZA MU MITWE YA POLITIKI

Ibi n'ibyaganiriweho mu nama nyunguranabitekerezo yahuje ubuyobozi bwa Komisiyo Ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo mu Ihuriro, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, abayobozi mu Mitwe ya politiki bashinzwe itumanaho n'abakozi bahoraho mu Mitwe ya politiki bashinzwe kwita ku rubuga rwa interineti rw'Umutwe wa Politiki; ; inama yabereye ku Biro by'Ihuriro kuri uyu wa kabiri tariki 19/05/2015.



*Hon NKUSI Juvenal, Prezida wa Komisiyo (Hagati)*

Afungura iyi nama, Umuyobozi wa Komisiyo Ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo mu Ihuriro Hon. NKUSI Juvenal yabwiye abacyitabiriye ko gukoresha neza website ari bumwe mu buryo bwiza bwo kumenyekanisha ibyo Umutwe wa Politiki ukora cyangwa mu gutanga ubutumwa ku bantu benshi bitabaye ngombwa ko bahura ngo baganire imbonakubone cyangwa ngo bisabe kwandika urwandiko. Yababwiye ko ikoranabuhanga rigezweho ryoroshya kwihutisha ibitekerezo by'abayoboke b'Imitwe ya Politiki. Yashimye Ihuriro ku nkunga ryateye Imitwe ya Politiki haba kubakorera website, kubagenera ibikoresho binyuranye bifasha mu itumanaho no gutanga amahugurwa ku bakurikiranira hafi imbuga za interineti z'Imitwe ya politiki, aha yababwiye ko inkunga Ihuriro rimaze gutanga ari amafaranga menshi mu gufasha Imitwe ya Politiki kwimenyekanisha.

Nyuma y'isesengura ry'imiterere y'imbuga za interineti z'Imitwe ya politiki, byagaragaye ko zimwe muri izo mbuga zidashyirwaho amakuru ku buryo buhoraho; izindi ziriho amakuru atajyanye n'igihe. Ibi byatumye abitabiriye iyi nama bafata ingamba zo kuvugurura imikorere bashyira amakuru mashya buri gihe ku rubuga rw'Umutwe wa Politiki bakomokamo, bityo bakaba bariyemeje kuba imbarutso yo guhindura imikorere ya website z'Imitwe ya Politiki yabo.

## Dr Vincent BIRUTA YONGEYE GUTORERWA KUYOBORA ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI N'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Muri kongere ya gatanu ya PSD yabereye i Kigali, kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 23 Gicurasi 2015 hatowe Komite Nyobozi nshya iyobowe na Dr Vincent Biruta. Uretse Dr Biruta hatowe kandi Olivier Nduhungirehe nka Visi Perezida wa Mbere, uwa Kabiri aba Nyirahirwa Venerande, Umunyamabanga Mukuru hatowe Ngabitsinze Jean Chrisostome, Umunyamabanga Mukuru Wungirije Ushinzwe Uburinganire n'Iterambere hatorwa Gahongayire Aurelie, Umunyamabanga Mukuru Wungirije Ushinzwe Urubyiruko hatorwa Niyonsenga Théodomille naho Umubitsi Mukuru w'Ishyaka aba Mukabikino Jeanne Henriette.



*Abagize ubuyobozi bushya bw'Ishyaka PSD*

Umuvugizi w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezi ry'Imitwe ya Politiki Bwana Mukama KAYIRANGA Alphonse witabiriye iyi kongere yavuze ko ashima ubutumire iri Shyaka ryashyikirije Ihuriro bigaragaza imikoranira myiza ikomeza kuranga Imitwe ya politiki n'abanyapolitiki u Rwanda rukeneye mu kwiteza imbere.



*Dr. Vincent BIRUTA Perezida w'Ishyaka PSD*



*Bwana Mukama KAYIRANGA Alphonse Umuvugizi w'Ihuriro*

Umuvugizi w'Ihuriro yashimye Ishyaka PSD icyemezo kiza ryafashe cyo kuba mu Ihuriro hamwe n'indi Mitwe ya politiki irigize; ashima kandi uburyo rishyira mu bikorwa gahunda n'ibikorwa bitandukanye by'Ihuriro; byaba iby'amahugurwa agamije gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki; byaba ibiganiro nyunguranabitekerezo ku bibazo by'Igihugu biganirirwa mu Ihuriro; byaba kandi no gushimangira inshingano z'Ihuriro zo gutuma Imitwe ya politiki igira uruhare mu kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Yasoje yifuriza abitabiriye iyi kongere kugira inama nziza.



Ishyaka PSD ni rimwe mu mashyaka 11 agize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki